



Werurwe /März 2021

Ikinyarwanda

## Unyibuke nugera mu bwami bwawe!

(Lk 23,42)

**Kontakt:** Meinolf Wacker  
Kirchplatz 7  
59174 Kamen

**Mobil.:** +49-172-5638432  
**Mail:** [meinolf.wacker@go4peace.eu](mailto:meinolf.wacker@go4peace.eu)  
**Homepage** [www.go4peace.eu](http://www.go4peace.eu)

---

### Vugana na Yezu! Talk to Jesus!

Nshuti bakunzi ba go4peace,

mu buryo ubwo ari bwo bwose, ntiyabayeho ku bw'impanuka. Yakoze amahano menshi. Igihe kirageze rero ngo aryozwe ibyo yakoze yakwa ubuzima bwe. Bari baciriwe igihano cyo kubambwa ari batatu. We yiyumvishaga impamvu y'igihano yari yahawe. Yagombaga kuryozwa ibibi yakoze (Lk 23,41). Iruhande rwe hari habambwe Yezu – afite imyaka 33, ku rundi ruhande undi mugiranabi. Yezu yari ahagaze ku butumwa bw'urukundo. Yamaganiraga kure ibikorwa byo kurenganya abandi ashize amanga. Ku bw'ibyo yari yarikururiye urwango rw'abari bakomeye bo mu idini ya Kiyahudi. Bamugerereye kenshi, none dore amanitse ku musaraba by'agaherere.

Nta garuriro kuri uwo musore. Ubuzima bwe bwo ku isi bwegereje iherezo ryabwo. Yaba se mu buzima bwe yaragiranye umubano n'Imana? Ntawe ubizi. Ariko muri aka kanya ariyumvisha mu mutima we ubwiza buhebuje n'impuhwe bya Yezu. Areba Yezu nuko aramusaba: „Yezu, unyibuke nugera mu bwami bwawe!“ Mu byago bye aratabaza Yezu adaciye ku ruhande. Muri iri jambo, roho ye yahawe gukomera no kwizera. „Uyu munsu uraba uri kumwe nanjye mu iherwe ry'Imana!“ agize amahirwe yo kumva iri jambo.

Mu buryo butunguranye hagomba kuboneka icumbi ku mwangavu w'umunyeshuri wari ugeze mu mugu w'ahantu kure y'iwabo. icyo gihe twari mu rugendo muri uwo mugu. Agiriwe inama kuri telefoni, yabujijwe kujya mu icumbi rya mbere yari abonye. Akoresheje interineti abona irindi cumbi ndetse yashoboraga no kujya gusura kuri uwo munsu. Ni uko yandikira nyiri amacumbi akoresheje telefoni ye. Niba aza kubona igisubizo byihuse? – Igihe twari dufite muri uwo mugu cyari gito. Ni uko turasenga. „Yezu, niba biri mu gushaka kwawe, turagusabye ngo uyu mugore nyiri amacumbi abone ubu butumwa kandi asubize!“ Nyuma y'imonota itanu, yahise abaza igihe ushaka icumbi yifuzaga kujya kuhasura. „Bishobotse nko mu minota 15!“ wa mwangavu ahita amubwira. „No gutangara kwinshi undi ati eh, ko numva ari ah'amasiporo! Yungamo ati ariko birashoboka!“ aba ari ko amubwira. Nta gihe na kimwe mu buzima bwacu bitadushobokera kuvugisha Yezu. Ngaho rero: **Vugana na Yezu! – Talk to Jesus!**

Ku bw'itsinda go4peace

Meinolf Wacker